

Ibirimo/Summary/Sommaire ***page/urup***

Iteka rya Minisitiri / Ministerial Order / Arrêté Ministériel

N°04/Cab.M/015 ryo ku wa 18/05/2015

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire.....2

N° 04/Cab.M/015 of 18/05/2015

Ministerial Order determining urban planning and building regulations.....2

N° 04/Cab.M/015 du 18/05/2015

Arrêté Ministériel déterminant les règlements d'urbanisme et de construction ..2

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

ITEKA RYA MINISITERI N°04/Cab.M/015
RYO KU WA 18/05/2015 RISHYIRAHU
AMABWIRIZA AJYANYE
N'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI
N'IMYUBAKIRE

MINISTERIAL ORDER N° 04/Cab.M/015 OF
18/05/2015 DETERMINING URBAN
PLANNING AND BUILDING
REGULATIONS

ARRETE MINISTERIEL N° 04/Cab.M/015 DU
18/05/2015 DETERMINANT LES
REGLEMENTS D'URBANISME ET DE
CONSTRUCTION

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article one: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by ufite uruhushya

Article 2: Definitions of a permittee

Article 2 : Définitions titulaire de permis

UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE
Y'IMIJIYI

CHAPTER II: URBAN PLANNING

CHAPITRE II: PLANIFICATION URBAINE

Ingingo ya 3: Amahame y'imitunganyirize
y'imijiyi

Article 3: Urban Planning Principles

Article 3: Principes de la planification urbaine

Ingingo ya 4: Urwunge rw' amabwiriza agenga
imitunganyirize y'imijiyi

Article 4: Urban Planning Code

Article 4: Code d'Urbanisme

Ingingo ya 5: Amahame yo kugeza ibikorwa
remezo byibanze ahantu hose hagenewe
guturwa

Article 5: Human settlement areas servicing
principles

Article 5: Principes de service des zones
d'habitation

Ingingo ya 6: Gahunda ya Leta y'ishoramari
n'uko bikorwa mu byiciro

Article 6: Public investment planning and
phasing process

Article 6: Planification des investissements
publique et le processus de ses phases

Ingingo ya 7: Kubungabunga ibidukikije

Article 7: Environmental protection

Article 7: Protection de l'environnement

<u>Ingingo ya 8:</u> Gukoresha neza ubutaka mu iterambere ry'imijyi	<u>Article 8:</u> Efficient use of urban land in development planning	<u>Article 8:</u> Planification efficace du développement de l'espace urbain
<u>UMUTWE WA III:</u> AMAHAME Y'IBIKORWAREMEZO MU MIJYI	<u>CHAPTER III:</u> PRINCIPLES FOR URBAN SERVICE INFRASTRUCTURE	<u>CHAPITRE III:</u> PRINCIPES DE SERVICE D'INFRASTRUCTURE URBAINE
<u>Ingingo ya 9:</u> Ibikenerwa mu mijyi	<u>Article 9:</u> Urban utility servicing	<u>Article 9:</u> Service d'utilités urbaines
<u>Ingingo ya 10:</u> Kurinda amazi	<u>Article 10:</u> Water protection	<u>Article 10:</u> Protection de l'eau
<u>Ingingo ya 11:</u> Imicungire y'imivu y'amazi no kurwanya isuri	<u>Article 11:</u> Storm water management and control of soil erosion	<u>Article 11:</u> Gestion des eaux pluviales
<u>Ingingo ya 12:</u> Gucunga imyanda itemba	<u>Article 12:</u> Liquid waste management	<u>Article 12:</u> Gestion des déchets liquides
<u>Ingingo ya 13:</u> Gutunganya imyanda irunze	<u>Article 13:</u> Solid waste management	<u>Article 13:</u> Gestion des déchets solides
<u>Ingingo ya 14:</u> Igenamigambi ry'urujya n'uruza n'ubwikorezi	<u>Article 14:</u> Traffic and transport planning	<u>Article 14:</u> Circulation et planification des transports
<u>UMUTWE WA IV:</u> AMAHAME AGENGA IMYUBAKIRE	<u>CHAPTER IV:</u> BUILDING PRINCIPLES	<u>CHAPITRE IV:</u> PRINCIPES DE CONSTRUCTION
<u>Ingingo ya 15:</u> Urwunge rw'amabwiriza agenga imyubakire	<u>Article 15:</u> Building Code	<u>Article 15:</u> Code de construction
<u>Ingingo ya 16:</u> Ibisabwa by'ibanze mu myubakire	<u>Article 16:</u> Minimum building performance requirements	<u>Article 16:</u> Prescriptions minimales de construction
<u>Ingingo ya 17:</u> Ibikoresho by'ubwubatsi	<u>Article 17:</u> Building materials	<u>Article 17:</u> Matériaux de construction

UMUTWE WA V: AMAHAME YO GUKURIKIRANA, NO KUGENZURA, IMIRIMO Y'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI N'IMYUBAKIRE

CHAPTER V: PRINCIPLES OF SUPERVISION, INSPECTION AND AUDIT OF URBAN PLANNING AND BUILDING ACTIVITIES

CHAPITRE V: PRINCIPES DE SUPERVISION, D'INSPECTION ET D'AUDIT DES ACTIVITES DE PLANIFICATION ET DE CONSTRUCTION URBAINES

Icyiciro cya mbere: Ikurikirana ry'imirimo mu rwego tekiniiki

Section one: Technical supervision

Section premiere: Supervision technique

Ingingo ya 18: Gukurikirana imirimo y'ubwubatsi mu rwego rwa tekiniiki

Article 18: Technical Supervision of Buiding Activities

Article 18: Supervision technique des activites de construction

Ingingo ya 19: Imirimo ikorwa n'uwahawe amasezerano yo guhagararira imirimo mu bya tekiniiki

Article 19: Contracted technical supervision services

Article 19: Services fournit par celui qui a signé le contrat de supervision technique

Ingingo ya 20: Uburyozwe bw'ibiro by'abahagararira imirimo y' ubwubatsi

Article 20: Liability of supervising offices in buiding activities

Article 20: Responsabilité des bureaux de supervision technique dans les activités de construction

Ingingo ya 21: Ibisabwa mu guha uburenganzira ibiro byo guhagararira imirimo y'ubwubatsi

Article 21 Conditions for issuance of authorization to supervising offices in building activities

Article 21: Conditions des bureaux de supervision technique dans les activités de construction

Icyiciro cya II: ubugenzuzi

Section II: Inspection

Section II: Inspection

Ingingo ya 22: Kugenzura imirimo y' ubwubatsi

Article 22: Building activities inspection

Article 22: Inspection des activités de construction

Ingingo ya 23: Uko kugenzura imirimo y'imyubakire bikorwa

Article 23 Procedures for inspection of building activities

Article 23: Procédures d'inspection des activités de construction

Ingingo ya 24: Inshingano z'uwahawe uruhushya mu gihe cyo kugenzura imirimo y'ubwubatsi

Article 24: Obligations of a permittee during building activities inspection

Article 24: Obligations du titulaire d'un permis pendant l'inspection des activités de constructions

Ingingo ya 25: kureba uburyo inyubako yubahirije ibisabwa

Article 25: Performance assessments of a building

Article 25: Evaluation de performance d'un bâtiment

<u>Ingingo ya 26:</u> Ubugenzuzi busoza	<u>Article 26:</u> Final inspection	<u>Article 26:</u> Inspection final
<u>Ingingo ya 7:</u> Ikosorwa ry'amakosa y'imyubakire ryagaragajwe	<u>Article 27:</u> Correction of identified faults	<u>Article 27:</u> Correction des défauts identifiés
<u>Ingingo ya 28:</u> Ikurikirana ry'Aagenzuzi n'ubugenzuzi	<u>Article 28:</u> Monitoring of building inspectors and inspection	<u>Article 28:</u> Surveillance des inspecteurs et inspection
<u>icyiciro cya 3:</u> Igenzura	<u>Section III:</u> Auditing	<u>Section III:</u> Audit
<u>Ingingo ya 29:</u> Igenzura ry'imitunganyirize y'imijyi	<u>Article 29:</u> Urban Planning and building Auditing	<u>Article 29:</u> Audit d'urbanisme et de construction
<u>Ingingo ya 30:</u> Uburyo bw'igenzura nuko rikorwa	<u>Article 30:</u> Auditing modes and implementation	<u>Article 30:</u> Modes d'audit et mise en oeuvre
<u>Ingingo ya 31:</u> Imenyekanisha	<u>Article 31:</u> Notification	<u>Article 31:</u> Notification
<u>UMUTWE WA VI: AMAKOSA Y'IMYUBAKIRE N'IBIHANO BITANGWA N' UBUYOBOZI</u>	<u>CHAPTER VI: FAULTS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS</u>	<u>CHAPITRE VI: FAUTES ET SANCTIONS</u>
<u>Ingingo ya 32:</u> ibyiciro by' amakosa	<u>Article 32:</u> Categories of Faults	<u>Article 32:</u> Categories de fautes
<u>UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 33:</u> Ihererekanya ry' impushya	<u>Article 33:</u> Transfer of permits	<u>Article 33:</u> transfert de permits
<u>Ingingo ya 34:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 34:</u> Repealing provisions	<u>Article 34 :</u> Dispositions abrogatoire
<u>Ingingo ya 35:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 35:</u> Commencement	<u>Article 35:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

**ITEKA RYA MINISITERI N°04/Cab.M/015
RYO KU WA 18/05/2015 RISHYIRAHU
AMABWIRIZA AJYANYE
N'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJIYI
N'IMYUBAKIRE**

**MINISTERIAL ORDER N° 04/Cab.M/015 OF
18/05/2015 DETERMINING URBAN
PLANNING AND BUILDING
REGULATIONS**

**ARRETE MINISTERIEL N° 04/Cab.M/015 DU
18/05/2015 DETERMINANT LES
REGLEMENTS D'URBANISME ET DE
CONSTRUCTION**

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 201 n'iya 202;

Ashingiye ku Itegeko n° 10/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rigenga Imitunganyirize y'Imijyi n'Imyubakire mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, iya 8, iya 21, iya 25, iya 27, iya 38, iya 39, iya 40, iya 90 n'iya 91;

Bisabwe na Minisitiri w'Ibikorwaremezo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/05/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu Rwanda.

The Minister of Infrastructure;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003, as amended to date, especially in its Articles 120, 201 and 202;

Pursuant to Law n°10/2012 of 02/05/2012 governing urban planning and building in Rwanda, especially in Articles 4, 8, 21, 25, 27, 38, 39, 40, 90 and 91;

On proposal by the Minister of Infrastructure;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 14/05/2015;

HEREBY ORDERS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines urban planning and building regulations in Rwanda.

Le Ministre des Infrastructures;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003, telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses Articles 120, 201 et 202;

Vu la Loi n° 10/2012 du 05/02/2012 portant code de l'urbanisme et de la construction au Rwanda, spécialement en ses articles 4, 8, 21, 25, 27, 38, 39 et 40, 90 et 91;

Sur proposition du Ministre des Infrastructures;

Après examen et approbation par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/05/2015;

ARRETE:

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les règlements d'urbanisme et de construction au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'ufite uruhushya

Muri iri teka, "Ufite uruhushya" bisobanura umuntu kugiti cye, urwego rwa Leta cyangwa urwigenga, wahawe uruhushya rwo gutangira kubaka, kwagura, kuvugurura bidahindura, kuvugurura bihindura, gukoresha no gusenya inyubako.

UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJI

Ingingo ya 3: Amahame y'imitunganyirize y'imijyi

Imitunganyirize y'imijyi igomba gukorwa hashingiwe ku mahame akurikira:

- 1° gukoresha ubutaka n' undi mutungo kamere kuburyo bunoze kandi burambye;
- 2° gutuza abantu benshi kubutaka buto bushoboka kandi muburyo budahenze;
- 3° kubungabunga ibidukikije;
- 4° guhanga imirimo n' ibikorwa bibyara inyungu bigendanye n'ubwiyongere bwabatuye mu mujyi;
- 5° kwihaza mu biribwa bigendanye n'ubwiyongere bw'abatuye mu mujyi;

Article 2: Definitions of a permittee

Under this order, the term "a permittee" shall mean any individual, private or public entity who/which is issued with authorization for new development, extension, refurbishment, renovation, occupation or demolition of a building.

CHAPTER II: URBAN PLANNING

Article 3: Urban Planning Principles

Urban planning must be based on the following principles:

- 1° sustainable and resource efficient land use;
- 2° optimum density in human settlement that is cost-effective;
- 3° environmental protection;
- 4° job creation and economic activities in proportion to urban population growth;
- 5° food supply in proportion to urban population growth;

Article 2: Définitions titulaire de permis

Dans le présent arrêté, les termes « titulaire de permis » signifie une personne physique, privée ou publique, qui a reçu l'autorisation pour un nouveau développement, extensions, rénovations, occupation ou démolition d'un bâtiment, ou pour une promotion immobilière.

CHAPITRE II: PLANIFICATION URBAINE

Article 3: Principes de la planification urbaine

La planification urbaine doit être basée sur les principes ci-après:

- 1° une utilisation des terres et d'autres ressources de façon efficace et durable;
- 2° une densité optimale et économique dans les établissements humains;
- 3° la protection de l'environnement;
- 4° la création d'emplois et des activités économiques proportionnellement à la croissance de la population urbaine;
- 5° l'approvisionnement alimentaire proportionnellement à la croissance de la population urbaine;

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

6° ubuzima, isuku n'isukura ndetse n'umudendezo w'abaturatione;	6° public health, sanitation and safety;	6° la santé, assainissement et sécurité publique;
7° imibanire n'imibereho itandukanye y'abantu;	7° social diversity and inclusion;	7° l'inclusion et la diversité sociale ;
8° uburyo bw'imyubakire bushingiye ku miterere y'ahantu;	8° location-based building typologies;	8° les typologies des bâtiments basées sur leurs localisations;
9° imigenderanire n'ubwikorezi binoze kandi mu mudendezo;	9° safe and efficient mobility and effective public transportation;	9° une circulation et un transport public efficace et sécurisé ;
10° guhuza ibishushanyo by'imyubakire n'imiterere karemano y'ahantu;	10° integration of design plans with the natural environment;	10° l'Intégration des plans de conception avec l'environnement naturel;
11° gahantu hakoze neza hagenewe ibikorwa rusange n'ubusitani;	11° quality public space and greening;	11° l'espace public et espace vert de qualité;
12° isano hagati y'ahantu hatunganyijwe n'ahahakikije rishingiye ku buryo bwo kugendwa, ubwikorezi, ubusugire bw'iterambere, n'imikoreshereze y'ubutaka;	12° linkage between a planning area and its surrounding areas in terms of access, transport, growth prospects and land uses;	12° une bonne liaison entre une zone d'aménagement et ses environs en termes d'accès, de transport, des perspectives de croissance et d'utilisations des terres;
13° imitunganyirize y'umuji yita ku miterere yawo, umuco n'umurage ushingiyeye ku mateka;	13° planning that is sensitive to the urban morphology, cultural and historical heritage;	13° une planification sensible à la morphologie urbaine et au patrimoine culturel et historique;
14° ibikorwaremezo biboneye n'ibikorwa bishyigikira ubukungu n'imibereho myiza y'abaturatione bo mu gihe cya none n'abo mu gihe kizaza;	14° adequate infrastructure, and socio-economic facilities that meet the present and future needs of the urban population;	14° des infrastructures adéquates et services socio-économiques, services et facilités publics qui répondent aux besoins actuels et futurs de la population urbaine;
15° guteza imbere ibikorwaremezo mu mijyi mu byiciro bitandukanye. Hitawe ku mabwiriza n'ibipimo bigenderwaho.	15° phased infrastructure development in urban areas with regard to rules and norms in force.	15° un développement d'infrastructure progressive dans des zones urbaines considérant les règles et les normes en vigueur.

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

Ingingo ya 4: Urwunge rw'amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi

Hashyizweho Urwunge rw'amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi ruri ku mugereka wa I w'iri teka.

Urwunge rw'amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi rugena nibura ibi bikurikira:

- 1° ibishingirwaho kugira ngo ahantu hitwe umujyi;
- 2° ibikorwa remezo byibanze;
- 3° impamvu n'ibisabwa mu guteza imbere ahantu;
- 4° impamvu n'ibisabwa mu kugabanya ubutaka mo ibice, gusubiramo no guhuza ibibanza;
- 5° ibipimo bigenderwaho mu kubyaza umusaruro ikibanza cyo kubakamo hashingiwe ku mahame y'ibyiciro by'uko ubutaka bukoreshwa n'ibibukorerwaho;
- 6° Kugena ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu mijyi;
- 7° amahame akurikizwa mu gutegura igishushanyo cy'ahaturwa;
- 8° amahame agenga urujya n'uruza rw'ibinyabiziga;

Article 4: Urban Planning Code

There is hereby established an Urban Planning Code attached to this order as annex I.

The Urban Planning Code shall at least provide for the following:

- 1° criteria of defining urban centers;
- 2° basic public infrastructures;
- 3° objectives and requirements of site development;
- 4° objectives and requirements for land subdivision, plot restructuring and re-plotting;
- 5° plot development parameters based on zoning principles;
- 6° categorization of urban land use;
- 7° neighborhood design principles;
- 8° traffic circulation principles;

Article 4: Code d'Urbanisme

Il est établi un code de l'urbanisme attaché au présent arrêté comme annexe I.

Le code de l'urbanisme fournit au moins ce qui suit:

- 1° critères de définition des centres urbains ;
- 2° infrastructures publiques de base ;
- 3° objectifs et prescriptions des développements de chantier ;
- 4° objectifs et prescriptions de lotissement, restructuration et remembrements de parcelle ;
- 5° paramètres de développement de parcelle basés sur les principes de zonage ;
- 6° catégorisation de l'usage des terres urbaines ;
- 7° principes de conceptions du voisinage ;
- 8° principes de circulation routière ;

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

9° ubutaka bukenewe bw' imihanda yo mu mijyi no kunoza urujya n'uruza rw'abantu;	9° land requirements for urban roads and efficient mobility;	9° terres requises pour les routes urbaines et mobilité efficace ;
10° igenamigambi ry'ubwikorezi, aho butangirira n'aho burangirira;	10° transport planning and transport terminals;	10° planification des transports et les terminaux de transport ;
11° kugena aho abanyamaguru banyura mu mihanda nyabagendwa ndetse n' umudendezo wabo;	11° pedestrians circulation and safety planning;	11° planification de la circulation piétonnière et de sécurité ;
12° aho ibinyabiziga bihagarara;	12° parking;	12° parking ;
13° kugena ikwirakwizwa ry' amazi meza;	13° water supply planning;	13° planification d'approvisionnement en eau ;
14° kugena uburyo bw'imicungire y'imivu no kurwanya isuri;	14° storm-water and erosion control planning and management;	14° la gestion des eaux pluviales et le contrôle d'érosion;
15° kugena uburyo bwo gutunganya imyanda itemba cyangwa irunze;	15° planning of solid and liquid waste treatment;	15° la planification du traitement des déchets solides et liquides ;
16° ibipimo fatizo bigenderwaho n'uburyo bwo kuvugurura imijyi;	16° standards and procedures for urban upgrading;	16° les standards et procédures pour le renouvellement urbain;
17° imirongo ngenderwaho mu gushyira mu bikorwa inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi.	17° guidelines to implement urban planning documents.	17° guide pour mettre en œuvre des documents d'urbanisme.

Ingingo ya 5: Amahame yo kugeza ibikorwa remezo by'ibanze ahantu hose hagenewe guturwa

Ahantu hose hagenewe guturwa hagomba kugezwa nibura ibikorwa bikurikira:

Article 5: Human settlement areas servicing principles

Every site proposed for human settlement must at least be serviced with the following facilities:

Article 5: Principes de service des zones d'habitation

Chaque site proposé pour les établissements humains doit au moins posséder les établissements suivants:

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

- | | | |
|--|-----------------------------------|---|
| 1° ikigo cy' ubuvuzi; | 1° health care facilities; | 1° service de soins de Santé; |
| 2° amashuri; | 2° schools; | 2° écoles; |
| 3° ibigo mbonezamubano; | 3° civic centers; | 3° centres civiques; |
| 4° ibigo by'imyidagaduro; | 4° recreational centers; | 4° établissements de récréation; |
| 5° ibikorwa remezo by'ibanze byo guteza imbere ubukungu. | 5° basic economic infrastructure. | 5° infrastructure de base pour le développement économique. |

Ingingo ya 6: Gahunda ya Leta y'ishoramari n'uko bikorwa mu byiciro

Gahunda ya Leta y'ishoramari ishingiyeye ku gishushanyo rusange cy'itunganywa ry'ahantu ishyirwaho kugira ngo igenderweho mu gushora imari ya Leta mu bikorwa by'iterambere ry'imijyi.

Gahunda ya Leta y'ishoramari ikorwa buri myaka itatu (3) rigaherekezwa na gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka bigashyirwa mu bikorwa hagamijwe iterambere ry'imijyi mu buryo bw'ibyiciro.

Ingingo ya 7: Kubungabunga ibidukikije

Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, uwunge rwa mabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi rusobanura neza ibikorwa bitemewe gukorerwa aha hakurikira:

- 1° ahantu hashobora kuba ikidendezi no mubishanga;

Article 6: Public investment planning and phasing process

Public investment planning based on local land development master plans shall be established to guide all public investments in urban development activities.

The public investment plan shall be designed for a period of three years (3) and shall be accompanied by annual action plan to be implemented for urban development in phases.

Article 7: Environmental protection

For purposes of environmental protection, the Urban Planning Code provides details for activities prohibited in the following areas:

- 1° woodplain areas and wetlands;

Article 6: Planification des investissements publics et le processus de ses phases

La planification de l'investissement basé sur les plans d'aménagement locaux est établie pour guider l'investissement public.

Un plan d'investissement public est établi pour un période de trois ans (3) et est accompagné avec un plan d'action annuel qui est mis en œuvre par phases dans les zones de développement urbain.

Article 7: Protection de l'environnement

Afin d'assurer la protection de l'environnement, le Code d'urbanisme détermine clairement les activités prohibées dans les zones suivantes:

- 1° zones de plaines inondables et marais;

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

- | | | |
|--|--|---|
| 2° amasoko y'amazi, ibizenga by'amazi n'ahantu hose akomoka; | 2° water sources, water bodies and their catchment areas; | 2° sources d'eau, plans d'eau et leurs bassins versants ; |
| 3° ahahanamye, amanegeka no ku dusongero tw'imisozi; | 3° steep slopes, ridgelines and hilltops; | 3° pentes raides, crêtes et sommets ; |
| 4° ahari amashyamba kimeza n'amaterano; | 4° in natural and artificial forests; | 4° forêts naturels et les zones de reboisement; |
| 5° ahakwibasirwa n'imitingito n'ibiza byaterwa n'ibirunga. | 5° areas subject to earthquakes and volcano related hazards. | 5° zones de risque sismique et volcanique. |

Ingingo ya 8: Gukoresha neza ubutaka mu iterambere ry'imijyi

Igenamigambi ryo kubyaza umusaruro ubutaka bwo mu mijyi rigomba kugengwa n'amahame yo gukoresha neza ubutaka n'amabwiriza yihariye agenga ibyiciro by'uko ubutaka bukoreshwa n'ibibukorerwaho.

Urwunge rw'Amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi rushyiraho uburyo ikibanza cyagenewe kubakwa cy'ubakwamo n'ijanisha ry'ubutaka bw'icyo kibanza bwubakwaho.

UMUTWE WA III: AMAHAME Y'IBIKORWAREMEZO MU MIJYI

Ingingo ya 9: Ibikenerwa mu mijyi

Ahantu hose hagenewe guturwa mu mijyi hagomba kuboneka nibura ibikenerwa by'ibanze bikurikira:

- 1° amazi meza, isuku n'isukura n'imicungire

Article 8: Efficient use of urban land in development planning

Urban land development planning must be guided by the principle of efficient use of urban land through specific zoning regulations.

The Urban Planning Code determines plot coverage and floor area ratio accordingly.

CHAPTER III: PRINCIPLES FOR URBAN SERVICE INFRASTRUCTURE

Article 9: Urban utility servicing

Every site proposed for urban neighborhood development must be serviced at least with the following basic utilities:

- 1° clean water, sanitation and storm water

Article 8: Planification efficace du développement de l'espace urbain

Le développement urbain doit être guidé par le principe de l'utilisation efficace des terres en utilisant les règles de zonages spécifiques.

Le Code de l'Urbanisme détermine la couverture du terrain et coefficient d'occupation des sols.

CHAPITRE III: PRINCIPES DE SERVICE D'INFRASTRUCTURE URBAINE

Article 9: Service d'utilités urbaines

Chaque projet de chantier en développement dans des quartiers urbains doit au moins avoir les services de base suivants:

- 1° approvisionnement en eau potable,

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

y'amazi y' imivu;	management;	assainissement et gestion des eaux pluviales;
2° gukwirakwiza ibitanga ingufu;	2° energy supply;	2° approvisionnement en énergie;
3° uburyo bw'imicungire y'imyanda irunze cyangwa itemba;	3° liquid and solid waste management;	3° gestion des déchets solides et liquides;
4° ibikorwa remezo bifasha mu bwikorezi;	4° access and transport infrastructure;	4° accès et infrastructures de transport;
5° ikoranabuhanga mu itumanaho.	5° information communication technology.	5° technologie d'information et communication.

Ingingo ya 10: Kurinda amazi

Ikizenga cy' amazi n'imiyoboro yo gukwirakwiza amazi bigomba kurindwa igikorwa icyo ari cyo cyose cyerekeranye no gutunganya imijyi gishobora kubangamira cyangwa kwangiza umwimerere w' amazi n'amasokoy'amazi.

Umwimerere w'amazi mu miyoboro yayo igenzurwa buri gihe n'urwego rubifitiye ububasha.

Urwunge rw'amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi ruteganya ibikurikizwa mu rwego rwo kurinda isuku y'amazi.

Ingingo ya 11: Imicungire y'imivu y'amazi no kurwanya isuri

Urwunge rw'amabwiriza agenga imitunganyirize y'Imijyi ruteganya uburyo bw'imicungire y'imivu y'amazi n'ingamba zo kurwanya isuri.

Article 10: Water protection

Any water body and water supply networks must be protected from any urban planning and building activity which may have a polluting effect on the quality of water and water catchment areas.

The quality of water in the supply network shall be regularly monitored by the competent authority.

The Urban Planning Code provides for criteria of preservation of the quality of water.

Article 11: Storm water management and control of soil erosion

The Urban Planning Code provides for guidance of storm-water management and soil erosion control measures.

Article 10: Protection de l'eau

Les plans d'eau et des réseaux d'approvisionnement en eau doivent être protégés de toute activité de planification urbaine et de construction, qui aurait un effet polluant sur la qualité de l'eau y' compris les zones de captage d'eau.

La qualité de l'eau dans les réseaux d'approvisionnement en eau est contrôlée régulièrement par l'autorité responsable.

Le Code de l'urbanisme fournit les critères de préservation de la qualité d'eau.

Article 11: Gestion des eaux pluviales

Le Code de l'urbanisme fournit des directives sur la mesure de gestion des eaux pluviales et du contrôle d'érosion.

Ingingo ya 12: Gucunga imyanda itemba

Imyanda itemba igomba gutunganywa kandi ntishobora gushyirwa mu kimoteri.

Urwunge rw'amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi ruteganya imirongo ngenderwaho yerekeranye no gutunganya imyanda itemba.

Ingingo ya 13: Gutunganya imyanda irunze

Akarere kagomba gushyiraho ingamba zo gutunganya imyanda irunze n'uburyo bugabanya imyanda ijyanwa mu kimoteri hashingirwa ku kwirinda guteza imyanda, gutandukanya imyanda, kuyibazamo ibindi byagira akamaro no kongera gukoreshwa.

Ingingo ya 14: Igenamigambi ry'uruja n'uruza n'ubwikorezi

Igenamigambi ry'uruja n'uruza n'ubwikorezi rigomba rigamije:

1° guhuza ibikorwaremezo by'ubwikorezi n'igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka bwo mu mijyi;

2° guhuza imihanda yo mu mijyi hagamijwe ko umujyi uba nyabagendwa;

3° ishyirwaho ry'ibikorwaremezo na serivisi by'ubwikorezi;

Article 12: Liquid waste management

Liquid waste must be treated and shall not be disposed in landfills.

The Urban Planning Code provides for guidelines relating to treatment of the liquid waste.

Article 13: Solid waste management

A District must put in place mechanisms for solid waste management and reduction of disposals in landfills based on waste avoidance, separation, recycling and reuse.

Article 14: Traffic and transport planning

Traffic and transport planning must aim at:

1° integration of transport infrastructure with urban land use planning;

2° integrate transport network for urban access;

3° provision of public transport services and facilities;

Article 12: Gestion des déchets liquides

Les déchets liquides doivent être traités pour préserver l'environnement et ne doit pas être éliminés dans des décharges.

Le Code de l'urbanisme fournit des directives de traitement des déchets liquides.

Article 13: Gestion des déchets solides

Un District doit mettre en place des mécanismes pour la gestion des déchets solides et la réduction des décharges basés sur la réduction, séparation, recyclage et réutilisation des déchets.

Article 14: Circulation et planification des transports

La planification des transports et de circulation doit se baser les objectifs suivantes:

1° intégration des infrastructures de transport avec une bonne gestion de terre;

2° réseau de transport intégré pour l'accès urbain;

3° mise à disposition des services et installations de transport public ;

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

- | | | |
|--|---|---|
| 4° gushyiraho ahantu ibinyabiziga bihagarara n'ahantu hahagije hatangirwa serivise zitandukanye; | 4° provision of parking and service delivery space; | 4° mise en place d'un espace de parking et de service de livraison; |
| 5° koroheraza no kongera imigendere y'abanyamaguru n'abagenda ku magare; | 5° facilitation and increase of pedestrian and cyclists movement; | 5° favoriser et augmenter la circulation des piétons et cyclistes ; |
| 6° kutabangamira ibidukikije. | 6° environmental compliance. | 6° conformité avec l'environnement. |

Urwunge rw'Amabwiriza agenga Imitunganyirize y'Imijyi ruteganya ibisabwa mu igenamigambi ry'uruja n'uruza n'ubwikorezi mu bice bitandukanye by'imikoreshereze y'ubutaka mu mijyi.

The Urban Planning Code provides for traffic and transport planning requirements.

Le Code de l'Urbanisme prévoit les prescriptions du trafic et des transports urbains.

MUTWE WA IV: AMAHAME AGENGA IMYUBAKIRE

CHAPTER IV: BUILDING PRINCIPLES

CHAPITRE IV: PRINCIPES DE CONSTRUCTION

Ingingo ya 15: Urwunge rw'amabwiriza agenga imyubakire

Article 15: Building Code

Article 15: Code de construction

Hashyizweho Urwunge rw'Amabwiriza agenga Imyubakire mu Rwanda ruri ku mugereka wa II w'iri teka.

There is hereby established a Building Code attached to this order as annex II.

Il est établi un Code de Construction attaché à l'annexe II du présent arrêté.

Urwunge rw'amabwiriza agenga imyubakire rushyiraho nibura ibisabwa:

The Building Code establishes the minimum requirements to:

Le Code de Construction prévoit les normes minimums pour :

- | | | |
|---|------------------------------------|--|
| 1° mu gushyiraho amabwiriza agenga imyubakire; | 1° establish building regulations; | 1° établir des règlements de construction; |
| 2° mu kubungabunga ubuzima rusange bw'abatwaga; | 2° safeguard the public health; | 2° protéger la santé publique; |

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

3° mu gushimangira umudendezo n'imibereho myiza y'abaturage hashyirwaho uburyo bugena ibishushanyo by'inyubako;	3° ensure safety and general welfare of the population by regulating and controlling building designs;	3° assurer la sécurité et le bien-être social de la population par la régulation et le contrôle de la conception des bâtiments;
4° ku buziranenge bw'ibikoresho mu myubakire;	4° ensure quality of building materials;	4° assurer la qualité des matériaux de construction;
5° mu kunoza isuku mu ngo;	5° ensure sanitation in dwelling areas;	5° assurer l'assainissement dans les zones d'habitation;
6° urumuri rukwiye n'ubuhumekero;	6° ensure appropriate lighting and ventilation;	6° assurer un éclairage et une ventilation appropriée;
7° mu gufata neza ingufu no kwirinda inkongi z'umuriro;	7° conserve energy and to avoid fire risks;	7° conserver l'énergie et à éviter les risques d'incendie;
8° mu kwirinda ibindi biza bishingiye ku miterere y'ahantu ku nyubako zose mu Rwanda.	8° avoid of any any other hazards relating to maintenance of all buildings and structures in Rwanda.	8° éviter les autres risques liés à l'entretien de tous les bâtiments et structures au Rwanda.

Ingingo ya 16: Ibisabwa by'ibanze mu myubakire

Amahame y'ibanze y'inyubakire akurikira agomba kubahirizwa mu gushushanya, mu gutegura umushinga w'inyubako no kuyubaka nk'uko biteganywa mu Rwunge rw'Amabwiriza y'Imyubakire:

- 1° imiterere ihamye, gukomera n'uburambe bw'inyubako;
- 2° ibisabwa ngo ibe ya koreshwa;
- 3° Umudendezo no guhangana n'ibiza;

Article 16: Minimum building performance requirements

The following minimum building principles must be ensured in the design, engineering and construction of a building as detailed in the Building Code:

- 1° structural stability, strength and durability;
- 2° functional requirements;
- 3° safety and disaster risk mitigation;

Article 16: Prescriptions minimales de construction

Les principes de construction minimales suivantes doivent être assurées dans la conception, l'ingénierie et la construction d'un bâtiment telle que détaillée dans le Code de Construction;

- 1° la stabilité structurelle, résistance et durabilité ;
- 2° prescriptions de fonctionnalité ;
- 3° sécurité et atténuation des catastrophes ;

Official Gazette n° 20 bis of 18/05/2015

4° kubahiriza amahame yo kurengera ibidukikije;	4° environmental soundness;	4° respect de l'environnement;
5° kuba nyabagendwa;	5° accessibility;	5° accessibilité;
6° imikoreshereze myiza y'umutungo kamere;	6° efficient and effective use of resources;	6° l'utilisation efficace et efficiente des ressources ;
7° gukoresha neza ingufu z'amashanyarazi n'izindi ngufu karemano;	7° energy efficiency and use of renewable energies;	7° efficacité énergétique et utilisation des énergies renouvelables ;
8° Uburyo bunoze bwo gufata neza amazi y'imvura n'atembera;	8° rain and surface water harvesting;	8° récolte de l'eau de pluie et des surfaces ;
9° urumuri n'ubuhehere karemano;	9° natural lighting and ventilation;	9° éclairage et ventilation naturelles ;
10° kurwanya umwanda n'isuku n'isukura;	10° hygiene and sanitation;	10° hygiène et assainissement;
11° gushimangira uburambe hakorwa ikurikiranwa ry'inyubako.	11° ensuring durability through maintenance.	11° assurer la durabilité par l'entretien.

Ingingo ya 17: Ibikoresho by' ubwubatsi

